Uwarokotse yashinjuye Bandora, mu kwihisha kwe ngo yagiye no kwa Bandora

---

Mu rubanza Ubushinjacyaha bwarezomo Charles Bandora kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi n'Ibyaha byibasiye Inyokomuntu rukaba ruburanishwa n'Urukiko Rukuru, kuri uyu wa kane tariki 4 Ukuboza 2014, **Nzabonimana Jean Damascene** wacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi yashinjuye Bandora avuga ko nta ruhare yagize muri Jenosde ndetse ko no mu gihe yihishaga yagiye kwa Bandora mu rugo.

Bandora hamwe n'abunganizi be mu mategeko

Nzabonimana wahoze ari Resiponsabule wa Sellure ya Kayigi aho Bandora yari atuye, yabwiye Urukiko Rukuru ko nta makuru menshi afite ku bwicanyi bwakorewe Abatutsi bo ku Ruhuha no muri Ngenda muri rusange dore ko na we yahigwaga, ariko yavuze ko Charles Bandora atari mu bo yabashije kubona bakora Jenoside.

Abajijwe ku byabaye ku itariki ya 7 Mata 1994 ku Ruhuha, Nzabonimana yavuze ko aribwo Abatutsi batangiye kwicwa abandi bagatangira guhigwa, na we ubwe ngo kuri iyi tariki yagabweho igitero iwe ariko Imana ikinga akaboko ntibamubona aho yari yihishe.

Urukiko rwamubajije niba nyuma y'itariki ya 7 Mata yarigeze abona Bandora, Nzabonimana asubiza agira ati *"Naramubonaga. Aho nikingakingaga (kwihisha) n'iwe nahageraga."*

Urukiko rwifuje kumenya igihe yaba yarahagiriye ndetse n'icyo yabaga agiye kuhakora maze asubiza agira ati *"Nko mu byumweru bibiri ubwicanyi buri kuba najyaga njyayo ngiye kwisabira amabuye ya radiyo, nkagenda ntacyo nikanga kuko ntacyo bari bantwaye."*

Urukiko rwamubajije niba atarigeze yumva ko Bandora yaba akurikiranyweho kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi, Nzabonimana asubiza ko nta gihe kinini gishize abimenye.

Yagize ati *"Nabimenye muri ibi bihe, yewe no mu ikusanyamakuru rya Gacaca iwacu I Kayigi aho urugo rwe rubarizwa nta zina Bandora nigeze numva rikomozwaho (rivugwaho)".*

Undi mutangabuhamya witwa Masumbuko yavuze ko yiboneye Abatutsi 500 bicirwa kuri paruwasi

Basomingera Masumbuko Emmanuel wahoze ari umukozi wo kwa padiri, yabwiye Urukiko Rukuru iby'ubwicanyi bwakorewe abari bahungiye kuri Paruwasi ya Ruhuha, avuga ko

yabwiboneye bwose ariko aruhamiriza ko mu babugizemo uruhare atigeze abonamo uwo yashinjuraga ariwe Charles Bandora.

Yavuze ko ku itariki ya 7 Mata 1994 aribwo Abatutsi batangiye guhungira kwa padiri ngo kuko kuri iyi tariki mu cyahoze ari Ngenda uwitwaga Umututsi yahigwaga bikomeye.

Yakomeje avuga ko ku itariki ya 10 Mata 1994 aribwo igitero cya mbere cyagabwe kwa padiri kigatoranya abantu 12 mu Batutsi bari bahahungiye bakajya kubicira hanze y'ikigo.

Ku itariki ya 12 Mata ngo haje igitero (umutangabuhamya yise icya rurangiza) kishe Abatutsi bagera muri 500 bose bari bahasigaye maze imodoka ya Croix Rouge itangira gutunda imirambo iyijyana mu ruzi rw'akanyaru.

Ibi byose ngo byakorwaga abyirebera dore ko ngo ariwe watekeraga akanagaburira izi mpunzi.

Yagize ati *"Nabirebaga n'amaso yajye, abasahuraga, abicaga bose narababonaga."*

Abajijwe niba muri ibi bitero byose atarigeze abonamo Bandora; yavuze ko nta we yigeze aca iryera dore ko ngo yumvaga ko yimukiye I Kigali.

Urukiko rwifuje kumenya umubare w'abitabiraga ibi bitero ku buryo byoroheraga Masumbuko kumenya buri wese wabaga abirimo, asubiza agira ati *"Bari benshi, … igitero cya mbere bari nk'ijana (100), icya kabiri cyo bari isoko ryose; yewe… bari nk'igihumbi (1000)."*

Abajijwe niba mu bantu bangana gutya yari kubasha kumenya ko harimo cyangwa hatarimo Bandora, Masumbuko yavuze ko bitari byoroshye ariko abo yari asanzwe azi nka Bandora ngo ntiyari kubayoberwa mu gihe bari kuba bari muri ibyo bitero.

Naho ngo mu bari barangaje imbere ubu bwicanyi yavuze ko uwitwaga Bumera Azaria na Kabuga Felicien aribo babaga bayoboye ibi bitero.

Undi washinjuye Bandora ngo kuva mu 1994 uyu munsi nibwo yongeye kumubona

Frère Nepomuscene (Ntabwo bavuze niba ari Umufurere wo mu idini Gatolika, bifatwe nk'izina rye risanzwe) ni undi mutangabuhamya washinjuye Bandora, yavuze ko kuva ku itari ya 7 Mata 1994 yongeye kubona Bandora kuri uyu wa kane tariki ya 4 Ukuboza 2014.

Nepomuscene na we wigeze gukurikiranwaho kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi, yavuze ko mu bitero yagiyemo byose atigeze ajyana n'uregwa (Bandora) ndetse ko nta n'urundi ruhare yaba azi yagize mu itegurwa no gushyira mu bikorwa ubwicanyi bwo ku Ruhuha.

Yavuze ko ibikorwa by'ubwicanyi n'iby'ubusahuzi byose babikoraga babitegetswe n'abasirikare. Naho ibikoresho bakoreshaga mu bwicanyi nta muntu wabibahaga ngo umuntu yitabazaga icyo afite.

Yagize ati *"Nta muntu waduhaga ibikoresho, kuko iyo wabaga ufite inkoni, …. nako icyo wabaga ufite ni cyo wajyanaga."*

Abajijwe niba kuva ku itariki ya 7 Mata 1994 yarigeze kongera kubona Bandora yagize ati *"Kuva icyo gihe nongeye kumubona ubu."*

Abajijwe niba nta nterahamwe zigeze ziba ku Ruhuha, Frere Nepomuscene yavuze ko ijambo Interahamwe yaryumvaga kuri Radio gusa ariko ntazo azi.

Urukiko rwahise rumubaza niba harabaga abambari ba MRND asubiza agira ati *"Bo barahabaga, ariko se nibo Nterahamwe…?"*

Hasigaye umutangabuhamya umwe mu bagomba gushinjura Charles Bandora, akazatanga ubuhamya bwe ku wa mbere tariki ya 8 Ukuboza 2014, ku itari ya 10 Ukuboza 2014 impande zombi zizatangira gutanga ibisobanuro (Observations) by'uko zabonye ubuhamya bwose bwatambutse.

Martin NIYONKURU
UMUSEKE.RW